# 46: Unjy' imbere, Man’ isumba byose

1. Unjye imbere, Mana isumba byose,
Njye ndi umunyantege nke.
Muri iyi si ko ndi umwimuikira,
Ntagufite, nagera he?
Unjye imbere, unjye imbere,
Mbera ingabo inkingira.
Yesu umbere Ingabo inkingira

2. Mwami undudubirizemo isoko
Y'amazi y'ubugingo.
Unyoboze umuriro n'igicu
Mu nzira injyana mu ijuru.
Mbera impamba, mbera impamba
Ijya intunga mu nzira,
Ijya intunga ngana mu ijuru.

3. Ni ngera ku nkombe ya rwa Ruzi,
Uzampe gutinyuka
Amazi maremare y'urupfu,
Nyambuke, ngere mu ijuru.
Nzaririmba, nzaririmba
Indirimbo z'ishimwe,
Indirimbo zigusingiza.

Visit us at burundi.indirimbo.com